

**Ijambo rya Madamu Jeannette Kagame
muri Mentorship Meet “Kwibuka Conversation”
Kigali, 24th Mata 2016**

Bavandimwe, babyeyi “Mentors” ,

**Bana bacu, bakobwa bacu beza “Mentees”, namwe mwateye
indi ntambwe mukava kuri “Mentee” mukaba “Mentor”**

Mwongeye kwirirwa,

Nejewe rero nuko twahuriye hamwe kuri iki gicamunsi, muri gahunda twise **“Kwibuka Conversation”**. Byumwihariko, twifuje guhura namwe, muri iki gihe twibuka Jenocide yakorewe Abatutsi, barimo ababyeyi bacu, ababyeyi banyu; abavandimwe, ndetse n’inshuti kugira ngo tubakomeze, tubahoze, kandi tubabwire ko muri abana bacu, tubafitemo icyizere cyo kuzubaka, no kurinda icyasubiza iki gihugu mu makuba cyanyuzemo.

N’ubwo iki gihe kidukomerera, ni umwanya wo kwibuka, cyane cyane twibuka indangagaciro zaranze abo bagiye. Tugatekereza icyo dukwiriye gukora, kugira ngo umurage badusigiye, babasigiye, w’ubupfura, ubutwari, urukundo, gukunda igihugu, n’ibindi byiza byinshi, bikazababera impamba y’igihe cyose.

Ni igihe kandi cyo kwiyemeza, guharanira kuba abo abacu bifuzaga ko muzaba. Aho bari, bakumva batewe ishema, n’uko muriho, uko mumeze, uko bifuzaga ko muzamera.

Abenshi muri mwe mwari mukiri bato ku buryo mugikeneye ingero z'abantu bakuru mufatiraho icyitegererezo ndetse munagisha inama. Ndemeza ko ntawabasimburira abo mwabuze, ni nayo mpamvu bavuga bati "Akabura ntikaboneke ni nyina w'umuntu." Abo mwabuze ni n'ababyeyi. Kubera ko icyo cyaho kitoroshye kukiziba, niyo mpamvu twagiye tubashakira abantu barenze umwe kugira ngo bafatanye barebe uko babafasha muri izo ingorane.

Mureke mbabwire ikintu nabonye ngitangira kubabona, ndibuka twizihiza isabukuru ya AERG y'imyaka cumi n'irindwi, natangajwe no kubona abana batagize ababyeyi nkamwe bagira umuco. Ariko naje kubibonera igisubizo. Ngira mama wacu w'umubikira dukunda cyane mu muryango, we yagumye ino. Twigeze kujya kumusura turi benshi nk'abana bamukomokaho kugira ngo tumushimire, tumubwire icyo tumubonamo, atubwira ijambo rikomeye ryambereye igisubizo cy'uko kuntu mumeze. Ubu ni ubuhamya bwanjye nshaka kubasangiza. Nyogokuru ubyara mama yapfuye mama akiri muto cyane, bisaba ko mama wari ufite imyaka itandatu ajya kurererwa kwa nyinawabo. Akimara kugerayo, nyinawabo nawe yitaba Imana. Uwo mubikira atubwira ati

“Biragoye kumva ahantu tuvana urukundo kuko ntitwarutojwe kubwo kubura ababyeyi tukiri bato” ariko aza kuvuga ko igisubizo yabiha ari “Bonse amashereka meza.” Numva ari cyo gisobanuro umuntu yabiha. Nimuhumure rero, mwonse amashereka meza, igihe uko cyaba gito kose.

Tariki ya mbere, Ugushyingo, umwaka wa bibiri na cumi na gatatu (2013), dutangira gahunda ya mentorship, nabibukije ko ntawasiba amateka yacu, yemwe, nta nuwasimbura ababyeyi, n’abavandimwe mwabuze, ariko ko mufite igihugu gifite ubuyoyi buzima, kikagira n’ababyeyi!

Uru rugendo tumazemo imyaka irenga ibiri, kandi rugikomeza, rwatubereye twese ishuri, umuryango nyawo, n’uburyo buboneye bwo kujya inama mukugana “imbere heza”!

Iyi gahunda, twayitangiye tugamije gufasha mwebwe, bakobwa, mu rugendo rwanyu, rwo gukurikira neza amasomo yanyu, kugira ngo mubone inama zikwiye, kandi zibafashe no kumenya uko mwitwara, mu buzima busanzwe, haba kumenya guhitamo amasomo, haba kumenya kwiha icyerekezo, haba kugira imyitwarire iboneye, kandi ibereye umwana w’umunyarwanda

n'umunyarwandakazi, ariko no muri rusange, kugira ngo mwebwe, abana, mugire umuntu mukuru ubaherekeza mu buzima, kandi unabafasha kugira icyizere.

Ariko iyo gahunda yabaye umwihariko, kuko nk'uko natangiye mbivuga, amateka twabayemo yasize ibikomere bigoye gukira. Byari bigoye rero, kugera ku ntego nyinshi navuze haruguru, abantu batabanje kuganira kuri ibyo bikomere. Kuri bamwe ndetse, ibyo bikomere bikaba bisaba n'igihe, kugira ngo bazabashe kugirira icyizere, ba Mentors babo. Ariko nagira ngo twese twishimire buri tsinda kubera urugero rwiza rimaze kugeraho.

Nashimishijwe n'uko mu isuzuma rito ryakozwe na Fondation Imbutu, usanga mentors na mentees baramenyanye cyane, ndetse bigera no ku miryango yabo.

Zimwe mu ngero ni uko habayeho isano ry'ubujoyanama, ububyezi n'ubuvandimwe aho usanga mentor, cyangwa mentee, agira ati :

- “Abana banjye bafite imico myiza.”;
- “I can relate to them.”;
- “Tukimenyana, communication yagendaga buhoro buhoro,

nyuma Mentee agenda afunguka...”.

Habayeho kujya inama ku myigire, kwiteza imbere, no kuzuzanya inshingano z’ubuzima bwa buri munsu. Bamwe muri ba Mentees bashimira mentors babo bati :

- “Batwigishije kwigira.” Ngira ngo ni byo Mimi Chantal amaze kutubwira.
- “Our career development started with their support getting an internship.”
- “Abakobwa banjye ubu bavugaga icyongereza neza, umwe yabonye akazi, kandi ni umukozi w’intangarugero. ”

Habayemo kandi ibikorwa byo kwishima, kwiga ku nshingano z’urugo, bamwe bakaba baranubatse, nkaba nishimira ko mu itsinda ryacu twanashyinye, ndetse no kwidagadurira kuri bamwe, bitabaga byoroshye, kubera ibikomere bitandukanye:

- “Abana banjye batumye baba nk’abavandimwe, mbaza umwe, ngasanga azi amakuru y’abandi...”
- “We meet at home and cook together; tugafatikanya na bagenzi bacu gutunganya imisatsi, while talking to each other, and attend cultural events, through which they meet other young people.”

- “Nashimishijwe n’urugendo twakoreye mu Karere ka Musanze tukamarana umunsi wose tunganira, tunaseka...”

Izo zose ni ingero Mentees na Mentors basangije Imbuto Foundation.

Iyi gahunda rero, buri wese afite isomo yayigiyemo :

- Kugira ubuntu no kwita ku bandi: “Generosity is not subject to the means you have, but is rather an attitude.”
- Gutega amatwi, kwishima, ndetse no kumva akababaro k’undi : “to listen, laugh or cry with them.” Gutega amatwi ukaba wakemurira ikibazo undi muntu bitanga ‘satisfaction’ umuntu adashobora kubonera ikiguzi.
- Kwitura ineza wagiriwe: hari itsinda ryasuye Ikigo cy’imfubyi, n’andi yagiye asurana, igihe umwe mu bagize itsinda yabaga arwaye.

Ibi byose rero, bigaragaza ko koko, iyi gahunda yagize akamaro, kandi kuri twese. Uko twakoraga uru rugendo ariko, ntihabuze n’imbogamizi:

- Kudahana amakuru ku buryo buhagije, kubura umwanya uhagije kuri ba Mentors,
- Ba Mentors batabashije kubonana n’abana bahawe, ku buryo hari abana bagombye guhindurirwa ba mentors,
- Kuba hari abana biga kure, y’aho Mentors babo batuye,
- Kuba hari ibikenewe bitandukanye, mu buzima bwabo,

Mentors batabasha kubabonera, n'ibindi.

Bakobwa bacu, mu buzima kugira umuntu ureberaho, bituma ukora cyane, kugira ngo uzagere ikirenge mu cye, bishobotse unamurushe. Ntibikwiye gutuma rero, utekereza ko yaba inzira ngufi yo koroherezwa kubona akazi, internship, kubona amafranga, cyangwa ibindi.

Ahubwo icyo twifuza twese, ngira ngo ijambo mwakumva neza, ni uko “mwadadira” cyangwa se “mugafatisha”. Mugahatana ku isoko ry'umurimo, mukamenya aho amahirwe aherereye, kandi mukaba mwiteguye neza, nk'uko byavuzwe n'umwe muri bagenzi banyu y'uko ari ngombwa ko mwubaka “content”, mwiubaka, ibyo mwajya guhatanira mukaba mwabibona mwabivunikiye kandi koko bidadiye nk'uko mudadiye kugira ngo mugere imbere heza, kandi munabiharaniye koko.

Nkuko tuvuga mu Kinyarwanda ngo, “**Ugira umugira Inama aba agira Imana**”, hari byinshi mwigira kuri ba mentors, biyemeje kugendana namwe muri urwo rugendo, ndabasaba nkomeje kubikoresha, mu buzima bwanyu bwa buri muni.

Icyo mwakwitura aba ba mentors bari hano, ni uko namwe mwagira abandi mubera mentors, cyane cyane abakiri bato kuri mwe, kandi hari urugero tuzi aho mentee witwa Mimi Chantal, nyuma y'umwaka n'igice muri iyi gahunda, yadusabye kuba mentor, ubu akaba abikora, kandi abikora neza, nagira ngo mbonereho kubasaba ko twamushimira kuri iyo ntambwe yagezeho. Biranashoboka kandi ko nk'uko mutwigiraho nka mentors, mushobora no kutwunganira mu byo dukora, maze mukagira uruhare rukomeye rwo gukomeza kubaka u Rwanda, ruzira abana batagira uwo bagisha inama, cyangwa batagira gihana.

Icyiza cy'abadamu, ngira ngo aha ni ho abadamu tugaragarira aho tubera akaga, ni uko abadamu bafashe iya mbere. Ngira ngo ikindi kintu kigaragara cyiza ni uko twabyumvise vuba, tukaba twarahize abagabo, ndahamya ko badafite uru rugero. Uyu ukaba ari umwanya wo kugira ngo abagabo nabo barebe uko bagera ikirenge mu cyacu, ntabwo ari byo tumenyereye, ariko bake bari hano muzadutangire ubutumwa, mubabwire turushanwe.

Nagira ngo nsoze, nshimira cyane, Mentors bagenzi banjye. Kuba mwarumvise intabaza, mukitaba, bitwereka ko iyo umuntu akora

igikorwa, nk'iki afite ubwitange, urukundo, no gukunda ukarerera igihugu, ntako bisa. Ntabwo turabona neza icyo byamaze ariko ndahamya ko mu bihe bizaza bizadushimisha cyane.

Ababyeyi, n'abavandimwe b'aba bana, twibuka iteka, sinshidikanya ko bashima umurimo wanyu.

Mumfashe, muri aka kanya dushimire na Soeur Immaculée, duhora twiyambaza, akaza kuganiriza urubyiruko rwacu, uko tubimusabye.

Bana bacu, namwe mukomere, muri ishusho nziza y'abacu twabuze, mwuse icyivi basize, kuko muri ikimenyetso kigaragaza ko, ishami iyo ritemwe rishobora kongera gushibuka neza, ndetse rikera Imbuto nziza ishishye.

Muharanire kubaho neza, no kubaka u Rwanda rufite Agaciro.

Dukomeze kwibuka twiyubaka.

Murakoze!